44/100 = médiocre

Pour lecture
5/6/85

# I K I N A M I C O

IHIMBWE NA :

YANKULIJE Emilienne
Komini Karambo
Prefegitura GIKONGORO
C.E.R.A.I KIBUMBWE
B.P. 47 KADUHA

ABAKINNYI : RWAMU, N.NDUMIWE, NDINKABANDI, BARUSWENINDA, UWAMPINKA, MBARAGA, GAPFUBYI, NGERAGEZE, BEATA.

ISANO : RWAMU, umugabo wa N.NDUMIWE na NDINKABANDI
BARUSWENINDA, UWAMPINKA, MBARAGA ni abana babo
NGERAGEZE: umugabo wa BARUSWENINDA.
GAPFUBYI na BEATA ni inshuti z'UWAMPINKA.

INDA YABAYE NDENDE

UMUKINO WA MBERE

RWAMU AJYA GUHAHA.

RWAMU : Ashyi, burakeye wa mugore we
ngiye guhaha nsange mwatahije

N.NDUMIWE : Ngaho genda uhahe uronke kandi ubanguke
Ngaho ba nimubyuke mufate imilimo dore
so agiye kubahahira.

UWAMPINKA : Dukore iki se ?

N.NDUMIWE : Umwe nazane inkwi undi azane amazi.

BARUSWENINDA: Nibajyeyo cyangwa barorere
ubundi biransagga.

UWAMPINKA : Ngwino twigendre Mbara.

MBARAGA : Hoshi aliko nawe arayavoma.

BARUSWENINDA: Uwabihorera se nibabizana sindya.

N.NDUMIWE : Reka njye gutabira, ejo sinzabura aho
nsaba utugozi ngatera.

BARUSWENINDA: Murahinga se ibizera lyali ?
Ubundi iyi nzara irabasiga.

N.NDUMIWE : Ese muko uracyali hano
Mbega igitangaza
Nk'ubwo nzakugire nta ma ?

BARUSWENINDA: Halya udashinga arabyina mwakoze
mwe mubashije ubuse nabonye icyo ndya
maze nkaba nicaye.

N.NDUMIWE : Ubuse biva munzu ko biva kugasozi
icara noneho ubibone.

.../...

BARUSWENINDA : Ninapfa ngwe hano aliko
atali ku gasozi.

UWAMPINKA : Maman turazizanye.

N.NDUMIWE : Ni uko bana ba
Simbashimiye inkwi
mbashimiye inka muzangabanira

RWAMU : Mwiliwe ye, ndarembye

N.NDUMIWE : Twiliwe aliko BARUSWENINDA
iramukukana, umuniho
yawugize umwe.

BARUSWENINDA : Natanzwe, ese ndabishyikira
reka mbanze mpekenye.

N.NDUMIWE : Kandi nanga ko mugira inda
mutazi kuzikorera nawe ga uli
nka gikeli bahubwiye umulimo
uti: "Ntagaragara".
bije urataganyuka ?

UWAMPINKA : Reka mbironge uteke tulye
turashonje nyakiliza umuliro
Mbara.

RWAMU : Wa mugore we icyo kinini
ukimenye wimenye.

MBARAGA : Keretse niyilirwa akilinze
Baruswenindа ntagikoza isoni

UWAMPINKA : Ni mwakire utuzi mukarabe.

BARUSWENINDA : Zana vuba sha

UWAMPINKA : Yewe izina nilyo muntu koko
bona ngo aratanguranwa nta ni
soni zimukora.

N.NDUMIWE : Ni mu mwihorere niko yabaye.

RWAMU : Ese wa mugore we cya kireke cya
nsengabugabo ko kidaseruka

N.NDUMIWE : Kili ku ndiba kandi inkono irashyushye.

RWAMU : Ngaho ba uwo twali turwaje arakize mufate imilimo.

BARUSWENINDA : Henga njye kuvumo ninza ndasanga bagiye cya kijumba nkilye.

N.NDUMIWE : Mbara genda ube uragiye ya hene. Uwampinka nawe ajye kuntwaza imigozi.

BARUSWENINDA : Henga nkilye nibambaza mvuge ko na basize aha.

N.NDUMIWE : Zamura iyo hene mwa ndabona bwije.

RWAMU : Kulikira iyo hene igiye munzu mwa maze ucane habone.

UWAMPINKA : Nimuze nacanye.

RWAMU : Ese uwo mugore ahugiye mu biki ? yaje akarura hakibona.

N.NDUMIWE : Ndaje nali ncyanura ibili mu rugo na BARUSWENDINDA yugalira.

RWAMU : Undebere cya kindi nicyo ndalira cyonyine.

N.NDUMIWE : Ese ko ntacyo mbonye da ? Ko naherutse duhagurukira limwe hali uwagarutse ?

BARUSWENINDA : Mutambeshyera dore ko najye nagowe.

N.NDUMIWE : Yewe ubonye ntabaza Sinagira urwo navuga.

RWAMU : Ye babawe sha ubwo nayo mwigira mbanica Rwogera murakizana nonaha.

N.NDUMIWE : Ubuse mwaliye ibindi ko ubu mbizi cya gikenya alicyo cya gihitanye.

RWAMU : Wa mugore we uba utuma Manzi atabaho ndabarahira Rwogera wampaye Ngabo nziza twataramiye iwe.

.../...

**N.NDUMIWE** : Jye icyo nisabira ni amahoro da.

**RWAMU** : Ubwo uragirango uze kukilya n'abana bawe, henga nze ndebe.

**N.NDUMIWE** : Tambuka wikorere mu nkono urore

**RWAMU** : Yuuu!!! mbanica Rwogera koko bakiliye wamuhoro wanjye ulihe ngo igikono nkese, na nyakabwana itore ko yali iburaye.

**N.NDUMIWE** : Alira yekoyo none ndapfuye amvunnye itako weee.

**BARUSWENINDA** : Arororo, yebaba ankubise urujyo umutwe arawumena mwokagira Imana mwe.

**RWAMU** : Huu! ni kigende nicyo muherutse barabundaje bo gapfa batabyaye.

**N.NDUMIWE** : Iyo ndayawe yakuniniye nabo ubyaye bakagukulikiza none ulinde kumvunagura.

**RWAMU** : Aha uwa MIRENGE ndabamenesha. Munsohokere mu gahuru dore ko inzu zigira abamerewe neza.

**N.NDUMIWE** : Aha uw'Abatsobekazi rero si ayo naje habona nzagenda habona.

**RWAMU** : Mbara garuka shahu yenda umankiza n'ubura ubupolisi ntuzabura ubusilikali naho nyoko afate utwe n'imuturo ye nzemera nihahire.

---

UMUKINO WA 2 RWAMU AZANA UNDI MUGORE
WITWA NDINKABANDI.

---

RWAMU : Wa mugore we nakuzana bwose utamera nka N.NDUMIWE.

NDINKABANDI : Reka se, ameze ate ?

RWAMU : Sinshaka umugore utamenya agatabi k'umugabo we cyangwa tamba yo mu kabindi.

NDINKABANDI : Ngukorero kandi, ubwose ibyo bishatse kubuga iki ?

RWAMU : Sinzagusigire ibintu ngo ningaruka nsange hoze. Niba ufite amatwi yo kumva urumve.

NDINKABNDI : Ibyo nabyo, bizashoboka aliko nizere ko tuzafatanya atali bimwe byo kumparara ngo ejo umparurukwe. Umpe amenyo y'abasetsi.

RWAMU : Reka tujye kubika isoni ejo nzakwereka icyo dukora.

NDINKABANDI : Burakeye nyereka icyo nkora.

RWAMU : Dore isuka tujye guhinga.

NDINKABANDI : Ese uyu mushike ndawushobora.

RWAMU : Hinga vuba mu kanya urajya guteka.

NDINKABANDI : Yewe umurbho ntiwabira halya ubundi umugeni arahinga.

RWAMU : Yoo! ubuse ntabwo ulya genda uteke ndetse ndaje.

NDINKABANDI ; Henga nihute dore sinzi n'uje imuhira.

RWAMU : Nibitungana undengure.

NDINKABANDI : Reka nteke vuba njye kumubwira. yewe hano hali ugushaka.

RWAMU : Ndaje henga mpanagure isuka nzamuke

NDINKABANDI : Akira utuzi ukarabe

RWAMU : Zana hano aho hali imyotsi tulye vuba

NDINKABANDI : Ngwino tugende

RWAMU : Enda oza umuvure ngaho
nimutonore ba aliko mushyire
mu muvure ntimuhugire kwilira.

NDINKABANDI : Iyo baliye se, Yee! windeba igitsure
Jye sibaba narahawe na Data none ngo musebye.

RWAMU : Ngaho ba nimujye kuzana ibishyitsi byo
gutalisaha vuba dore ko umuntu ababwira
mugasa n'abaliye intumva.

NDINKABANDI : Zana amasaka nyakarange

RWAMU : Ngaliya mu kebo

NDINKABANDI : Henge nsye yenda utu tubetezi sitwo
nzataha ho si uguheruka uko byagakozwe.

RWAMU : Wewe uzi kuganira ni impamo ya mungu rwose.
Ubwose wavugaga ko uzimwera, aliko umugabo
azashaka kunywa abagore n'abana nabo n'uko
bigende bite ?

NDINKABANDI : Erega wivuga menshi ni biba bike tuzaguhalira,
kandi baca umugani, ngo iyo amazi abaye make
ahalirwa imfizi.

RWAMU : Ubwo ubivuze ukuli mba nica Gakunde nibyo
mba nshaka kandi ga Nyakubyara niko ibintu
byahoze.

NDINKABANDI : Ubwose sinkugereye kucyo ushaka.

RWAMU : Huhuuu! cyane nubwo ndetse zikoremo.
Ntiwumva se bimwe nakubwiraga wokagira sowe.

NDINKABANDI : Yemwe ba muramuke ngiye guteka ndabona bwije

RWAMU : Dore ishyano, dore ishyano rero wa mugore we,
ninde wakohereje guca ibyo bigoli.

NDINKABANDI : Erega aho akanoni ni umulimo nagombaga
se kubikubaza iyo imyaka yeze umugore
ntiyisarura.

RWAMU : Umva ngo imbwa y'umugore iravuga, ntasoni
n'ukuntu usigaye ubona ndenze urwirembo,
imilima ukayiyogoza ukishyira ukizana mu
rugo rw'umugabo.

NDINKABANDI : Ese ko umbwira nabi nk'utabihinze
yoo! aho nabereye hose nzalibalire nde
wintuka sinibye naliye ibigoli si inya na
y'inka naciye amabere.

RWAMU : Utiba se wabiciye mpali ?
kutantegereza

NDINKABANDI : Ngutegereza se wantekeraga ?
kuva aho nitiwe kose nali ntarabona
ayo mageso ibyo Mama na Data ntibabyigeze.
Bona iyo umbwira uti zana tulye maze ukabibura.

RWAMU : Ngo warabihinze ni mwisambu yaso wahingaga.

NDINKABANDI : Ubwo se nyoko yakubyaye ali mu isambu ya se.

RWAMU : Ko uvuze se ko ibyo utabibonanye so na nyoko,
umuco w'urugo wubaka urundi ?
agahugu umuco akandi uwako.

NDINKABANDI : Ntawe usiga urwandiko ivugire uko ushaka.

Rwamu : Aliko se ulinda uvuga ayo yose nihehe wabonye
umugore alya akibagirwa umugabo ?

NDINKABANDI : Ni mururumba wameze ahubwo ntacyo wabuze
uziko babimbwiye nkagirango ni abashaka
gusebanya.

RWAMU : Ulirare dore ko nkojeje agati mu ntozi.

NDINKABANDI : Hakomera N.NDUMIWE wahuye na wansaba rwose

RWAMU : Kandi urasohoka nabi dore
imbere wabwejaguliye.

NDINKABANDI : Urakoze kuko unyeretse kamere yawe
tutarabyarana kuko aho umuntu abyaye
kuhava bimurushya.

RWAMU Ashyuu! nakubwira iki inkoko niyo ngoma.

NDINKABANDI : Ahaa!! nyihanganira gato habanze hace,
kuko ntamugore ugenda mu itumba, ejo
udasigara uvuga ko nasuhutse nkaguta
muyawe nyine.

.../...

RWAMU : Ubwo se wagirango nanánirwa kwitunga.

NDINKABANDI : Ubwo bwo ushoreye imwe ntizimira
n'abandi ntawe byananira henga nceceke
aliko hishamunda ni umwana w'umunyarwanda.

---

UMUKINO WA 3 NGERAGEZE Anastase AZA GUSABA BARUSWENINDA Yvone umubano.

N.NDUMIWE : Umva Barusweninda mwana
w'umunyarwanda urananiye.

BARUSWENINDA : Aliko mama naruha ye
Akabi ni ukutabona aho ujye.

N.NDUMIWE : Abajya mu Bugesera bagusiga ukora
iki kongo ntabakobwa bahaba ndetse
n'i Burundi.

BARUSWENINDA : Aliko mbure n'umuntu wandangira
amata koko, aliko byihorere nako.

NGERAGEZE : Ese ko bali mu gutongana
Muraho abikambere.

BARUSWENINDA : Yibwira, yebaba we aho none
ntiyatwumvise ye.
Ese ninde wadusuhuje.

NGERAGEZE : Ni umugenzi.

YVONE : Muraho, tambuka wicare
Makuru ki se ?

NGERAGEZE : Amakuru ni meza.

YVONE : Akubite urugi agane mu cyumba
azana inzoga banywe.

N.NDUMIWE : Mbese muraho.

NGERAGEZE : Mugira amahoro mukecu
Yewe koko barabivuga ngo
akanyon katagurutse ntikamenya
iyo bweze.
Mwe ndabona mwikomereye u Rwanda
ali u Rwanda.

.../...

N.NDUMIWE : Ntamikomerere, usibye ko haba ubwo umuntu atombora.

YVONE : Yibwira ese uliya ko atajyaga agenda aha aho none ntaje kuntereta.

N.NDUMIWE : Ngaho nimube muganira nigiliye kukazi kanjye.

UWAMPINKA : Ese aho none ntaje kurambagiza umukobwa wawe ?

N.NDUMIWE : Ceceka se, izo Mana nizikuye he ? Barusweninda uliya nzamukamana.

UWAMPINKA : Nyamara umenya alibye

N.NDUMIWE : Haa! Ishyano lijya he ? si aho bangejeje na se Mama yasetse namukira.

NGERAGEZE : Ubuse ntibyagutangaje ko ntajyaga ngenda aha.

YVONE : Oya da ubuse abaza aha bose niko mba mbazi.

NGERAGEZE : Ubu nditembere nsha umbeshaho none ndamubonye. Uyu munsi rwose sinabyukiye ibumoso uretse inzoga n'ibindi nshaka byose ndabibona.

YVONE : Aliko wasaga n'ubizi, sinakumenye.

NGERAGEZE : Ye? jye se ko nakumenye Aliko birashoboka koko ko utanzi.

YVONE : Unzi he ? aliko birashoboka haba ubwo waba unzi ntakuzi.

NGERAGEZE : Yewe, jye nitwa NGERAGEZE Anastase iwacu ni muli Komini MUSEBEYA hafi y'isoko ly'i Kigali ku Gatovu.

YVONE : Hanyuma se ino ukahamenya ute ?

NGERAGEZE : Ino mpafite Masenge haliya i Kibumbwe.

YVONE : E ! niwe wakweretse hano.

NGERAGEZE : Niwe aliko nigeze kukubona waje kugura ibirayi ku Gatovu mbona ndakwikundiye, mbaza Mubyara wanjye ambwira ko muturanye.

.../...

YVONE : Aho nijye wabonye yakubwiye ko nitwa nde ?

NGERAGEZA : Yambwiye ko witwa YVONE

YVONE : Noheho ndabyemeye ubwo nibyo koko ubuse ibirayi ntibirera.

NGERAGEZE : Oya ahubwo heze ibigoli yewe ndabona umunsi uciye ikibu, reka nkubwire ikingenza ntahe.

YVONE : Maracyali kare, kandi niyo bwakwira twagucumbikira.

NGERAGEZE : Yego, aliko se hali ujya ahantu bwa mbere akarara.

YVONE : Jye se ninza ku kwishyura ko nzarara

NGERAGEZE : Ibyo tube tubyihoreye nalinje ku kubaza ko wazambera umufasha kuko nshaka kubaka urwanjye nkaba nifuzaga ko twarufatanya.

YVONE : Yiyumvire maze akubite agatwenge kuko yashakaga kubisa iwabo.

NGERAGEZE : Ubwose ko ubiseka mbikubwiye nkina ?

YVONE : Erega simbiseka, bashye se ko bitabaho.

NGERAGEZE : Jye sinshaka undya umutima cyangwa jye ngo nywumulye, bikaba nk'urushako rubi, rukubuza inzu y'iwanyu, rukakubuza n'iy' ahandi. Ibintu ni bibili subiza yego cyangwa oya.

YVONE : Muby'ukuli nkuko udashaka ku ndushya nanjye sinkurushya Ese ubwo koko wabona nakwitesha.

NGERAGEZE : Nibyo nanjye mbanshaka aliko simare kugenda ngo bihinduke.

YVONE : Ubwose ko alijye twivuganiye byaba bihindurwa n'iki ?

NGERAGEZE : E! ubundi ibyo bibaho tumara kugenda mukajya inama n'ababyeyi banyu bwacya bugacyana ayandi.

YVONE : Aliko se ubwo bambuza icyo natekereje.

NGERAGEZE : Ndakubwiza ukuli ntakwiraliraho
ubundi n'inka ntayo mfite.

YVONE : Erega inka siyo mutima ubwo yabura
ite kandi dufite amaboko.

NGERAGEZE : Komera rero, kubera ily jambo umbwiye
mfite ibyishimo bingana ubatubyaye
Ubwo tuzahulira ku isoko kuwa kane
nkugulire imyenda tugende kuko sinshaka
ibikorwa ntibiveho.

YVONE : Yee! ni ahuwo munsi, ugire urugendo rwiza.
Ubwo agaruke.

N.NDUMIWE : Ibyuliya muntu se bite ?

YVONE : Wabibalizaga iki se ?

N.NDUMIWE : Nagirango mbimenye kuko ntanamuzi.

YVONE : Yaraje kunsaba umubano.

N.NDUMIWE : Wa mwemereye se cyangwa

YVONE : Mwamenya kubaza ra.

N.NDUMIWE : Ese uko wabonye wabona ali umuntu

YVONE : Ataba umuntu se n'igisimba.

N.NDUMIWE : Ese ko umbwira nabi hali uwo nkubujije.

YVONE : Sinkubwira nabi ahubwo navuga umbaza
ibyo areba.

N.NDUMIWE : Ubuse uzajya ahantu utazi utageze hali
ubukwe butagira umuranga wabonye
Yewe koko na mbere ntawe urumbya umugabo
ngo asarure abana ibirumbo bisa ukwabyo.

YVONE : Ese wirengagije ibuttsi asanze muli kuntuka
none muransubiliye aho kugirango ugume untuke
nakubisa da.

N.NDUMIWE : Yewe di, ese ngirango urwubake ni nkawe.
umunyarwanda yakubwira maze nawe ukamutyazaho
akalimi nzabambalirwa ntakatarorwa k'i Rwanda.
Wali uziko Misozi irakinga yagiye gusaba umukobwa
wo kwa mazu arahishira. Iwabo w'umuntu baratinyisha
ahandi bagatwikurura. Nteze amaso ni umwana w"umu-
nyarwanda.

YVONE : Urabeshya iminsi isigaye yo kuntuka niyo mike
Aliko nzabona nkira uru rugo koko
Naso ntakwanga akwitanabi ucitse aha wese ngo

: Baruswenindа reka mbihorere ubwo murakora ubusa.

N.NDUMIWE : Yewe kwiyahura biraguma nawe ngire urushako rubi n'abana bananire.
Koko ngo utazize inarashatse azira inarabyaye.

YVONE : Reka ngende ndumva ubunyoni buvuga bataza kumenya aho nanyuze.

NGERAGEZE : Reka njye guhura na wa mukobwa ataza kuza akambura. Maman uteke uyu munsi ndafite abashyitsi.

YVONE : Aho uliya siwe ye.

NGERAGEZE : Komera umutambeshya muraho cyane.

YVONE : Mukomere namwe ni amahoro.

NGERAGEZE : Erega umugambi ni nk'uyu
Aho imfura ziseeranije zirahahulira YVONE

YVONE : N'ubundi da.

NGERAGEZE : Ngwino tujye kugura agacupa twica akanyota, maze urebe ibyo ushaka byose tubigure hanyuma tugende.

---

UMUKINO WA 4 : N.NDUMIWE AGENIRA N'ABANA BE, GAPFUBYI AKAZA KURAMBAGIZA UWAMPINKA.

N.NDUMIWE : Nikose bana ba, mbigenze nte ?
dore so uliya yarananiye
Baruswenindа aransonga nk'ubu koko nzigire nte ? arajya kuvuga ngo ni nyina uboshya.

UWAMPINKA : Ibyo jya ubyihorera, ko aliwe nawe ukaba iwawe naza kugutuka umwihorere naho ubundi uwakulikiza ayo akora ntirwakubakwa.

N.NDUMIWE : Narakomeje nihanganira ibibi maze ishyano lirashungwa. Ejo bundi ho yagiye kuvuga ngo inkanda mbi ibyara imisuzi maze ndumvira, ndeba kubasiga mbona ntacyo nkora kuko umwana wabuze nyina ntaho aba ali baca n'umugani ngo inkoko iyo ivuye mu magi arabora.

UWAMPINKA : Erega natwe iyo uvuze utyo natwe turababara

MBARAGA : Ubwo yazanye uliya mugore ni ukuza bakaba ndarwigaruliye nka yambwa ya Mukwiye.

UWAMPINKA : Humura ntubone ngo aragutaye n'umukobwa wawe akaba agiye nitugira amahoro ntitu-zinanirwa dufita amaboko, bonye yaherereye haliya, amahoro agahinda urugo rukagendwa.

N.NDUMIWE : N'ubundi ga bana uwihanganye ntiyandura tuzakomeza tugerageze buhoro buhoro. Umva ningwa n'abandi nka Mbaraga uliya yarerwa na Mukase ?

MBARAGA : Erega byose byihorere hali ubwo agahararo kaca imbata, ibyo bitaga amahoro bikabyara amahehe ejo avuyehano sinumvise amutukira bya bigoli.

N.NDUMIWE : Si mbizi keretse ababyeyi babaye maso, maze Imana ikandebera.

UWAMPINKA : Nyine ntugahagalike umutima kandi iyakuremye ihali.

N.NDUMIWE : Yewe umukecuru wanjye yajya yihorera akalilimba ati : Ikizi ko nagowe (2)
Ni amazu nashatse. Ni indaro naraye.....

UWAMPINKA : Aho muzi n'ibindi bulya ruli hose kare numvise no hepfo aha kabaye umugore akubita abana ngo baruye inkono, ngo none umugabo naza aravuga iki ?

N.NDUMIWE : Erega mwana ntaho bukikera ni uko umwe yililira. Urabona inda ili hanze aha yazasiga iki ?

GAPFUBYI : Henga njye kwisulira umutano
A!! ndamutsitaye ye komera maguru twajyane i Bunyambi

UWAMPINKA : Reka mbe nibohera umusambi.

GAPFUBYI : Muraho yemwe abahano

UWAMPINKA : Muraho namwe Tambuka uruhuke.

.../...

GAPFUBYI : Mugize neza amakuru yandi

UWAMPINKA : Ni meza uretse ko izuba lyatwishe

GAPFUBYI : Yewe simwe mwenyine aliko iyo tuli iwacu tubona ino ntalihava cyane.

UWAMPINKA : Uredushinyaguliye siho lyabanje Ni mwakire tubicire akanyota.

GAPFUBYI : Murakoze, erega n'ubundi watakaga ubusa uziko iyo umuntu abonye nk'ibi atalyumva.

UWAMPINKA : Iby'umunsi umwe nabyo boshye ko bihoraho.

GAPFUBYI : Simbyemeye nzi yuko aliko mubigenza n'ubundi.
Bulije urabeho aliko nzagaruka.

UWAMPINKA : Urabeho, ugire urugendo rwiza.

N.NDUMIWE : Ese uliya musore ni uwahe ?

UWAMPINKA : Ni uwahaliya mu Bufundu aturanye n'iwabo wa Béata.

N.NDUMIWE : Yagenzwaga n'iki se ?

UWAMPINKA : Yaraje kudusura.

N.NDUMIWE : Ni uko ni uko, cyakora alitonda Mama ni uko ali ibyubu.

UWAMPINKA : Atitonda se si imfubyi ninayo mpamvu bamwise Gapfubyi.

N.NDUMIWE : Yego shenge!, nkabibona koko biragaragara rwose.

UWAMPINKA : Ngo yashakaga ko twakwibanira.

N.NDUMIWE : Wamusubije iki se wowe ?

UWAMPINKA : Namushute ngo hali abandi aliko yanze kubyemera ngo azagaruka.

N.NDUMIWE : Ngo yabonaga se ko aza non ugahita umwemerera ubwa cya cyohe.
Aliko se iwabo harera ?

UWAMPINKA : Nink'ahandi hose.

N.NDUMIWE : Wali umfatiye runini none nsubiye kukanjye.

.../...

UWAMPINKA : Singaho se Mbaraga abaye umugabo buliya mwakwinanirwa. Cyangwa natwe ubwo twaba tuguha incungu.

N.NDUMIWE : Ubwo bwo mwana w'undi aguherera aguhema.

UWAMPINKA : Ko ntabaye kwa Nyogokuru we ngo muheme ndabizi.

N.NDUMIWE : Mbese muraho

GAPFUBYI : Muraho, muraho

N.NDUMIWE : Yego, Reka ntabyo ino tuzize izuba ubutaka bwaho kandi burarushya ntibwera keretse iyo twabonye akavura.

GAPFUBYI : Erega ntasambu imera ibyatsi itera, upfa guhendahenda

UWAMPINKA : Ubwose wagirango si ukubera ubuke bw'ifumbire, nawe se ko tudatunze, kandi twize ko aho ubutaka butakera ali ukubera ko rwa rutare Nyababyeyi ruba rutagikora nk'ino ku Gikongoro ntirugikora.

GAPFUBYI : Ubu imyaka isigaranye aborozi iwacu hali amashyo n'amashyo ali byabaye akali aha kajya he.

UWAMPINKA : Nonese ibyisi ko ali gatebe gatoke mujye mukoresha ifumbire nyarwatsi, umwanya nabyo bikimera.

GAPFUBYI : Erega n'ubundi babibabwira babanje kubigenzura. Nsezerera kuli uwo mukecuru ndabona bwije.

UWAMPINKA : Nibyo murakoze Maman ngo arabasezeraho.

N.NDUMIWE : Ko ndahagaze se ? ubu uradusuye.

GAPFUBYI : Nibyo turabasuye buliya iwacu hali akarere.

N.NDUMIWE : Bwije ahubwo reka twoye kugukerereza.

GAPFUBYI : Yego, yego. Umva rero Uwampinka, umuco wakinyarwanda urawuzi rwubaka ababili, none nkaba nifuza ko twarufatanya.

UWAMPINKA : Amubeshya, yewe warakererewe abandi baragutanze.

.../...

N.NDUMIWE : Ubwo rero ni ukujye ubaliliza imico ye ukabona kumusubiza.

UWAMPINKA : Ejo nzajya kw'isoko mbaze Béata.

N.NDUMIWE : Haba n'ubwo utahajya, kuko hali uwandaguliye ko utazajyanwa n'umusore wambuka amazi.

UWAMPINKA : Aliko namwe murashukika mujye mubona abalyi b'Igihugu ngw'aha bararagura.

N.NDUMIWE : Babaho, ma.

UWAMPINKA : Ndagiye aliko ndabanguka .
Uraho Béa.

BEATA : Uraho cyane UWAMPI
Makuru ki se ?

UWAMPINKA : Ni meza, araho na Gapfubyi

BEATA : Araho n'ejo twali kumwe bulya rero ni umuntu uzi gutanga ibipara.

UWAMPINKA : Cyane rwose.

BEATA : Gusa ni uko ali indirakarame mushikiwe imilimo yaramwishe.

UWAMPINKA : Ye ! Ubwose kuki atamufasha.

BEATA : Akabali kajye mo nde ?
ahali umenya yitaba présent
Nanyina yalitondaga ali se ngo yazize kwiba.

UWAMPINKA : Rahira, umusinga, ubwose undiwe ubwo adahinga siyo maherezo.

BEATA : Maze aravuga ngo azanye umugore ntabwo yamufasha. Ntubona ko asa n'umudiporome.

UWAMPINKA : Aba ali uko hagowe uzamushakaho.

BEATA : Cyane hubwo, urabeho nyuze hano utashye abimuhira.

UWAMPINKA : Ni uko zibyaye amahali twakomezaga tukaganira ngaho genda urabeho.

N.NDUMIWE : Mbara ngwino ujye kuvoma kukubu Uwampinka ali mu kugera hano.

UWAMPINKA : Mwiliwe Maman

N.NDUMIWE : Wiliwe neza mwana wa, urabangutse ali se uhashye iki ?

UWAMPINKA : Dore agapira nkuzaniye n'ikabutura ya Gapfubyi.

N.NDUMIWE : Ni uko bana ba urakagira abakugulira nawe.

UWAMPINKA : Uzise amakuru ya wa muntu

N.NDUMIWE : Kagira inkuru, aho

UWAMPINKA : Reka ngo ni ikigenge ntakora isuka ni umwibone waho.

N.NDUMIWE : Aliko sibyo nakubwira, nti: ubanze ubalilize imico ye.

UWAMPINKA : Ceceka ahubwo nagize Imana bulya koko nta gasozi katagira abakuru.

N.NDUMIWE : Ubwo naza uzamuhakanire azagwe kubandi

GAPFUBYI : Reka ngorore ipantaro njye kureba amakuru yawa wa mukobwa.

UWAMPINKA : Mama sinzi uwo mbonye umeze nka Gapfubyi.

N.NDUMIWE : Urandebere mbanze nite utuzi.

GAPFUBYI : Muraho ye

UWAMPINKA : Muraho, tambuka uruhuke.

N.NDUMIWE : Muraho neza.

GAPFUBYI : Mugira amahoro, makuruki se Uwampi

UWAMPINKA : Nimeza cyane, noneho twabonye akavura.

GAPFUBYI : Byabindi se bite ? nagirango unsobanulire nzohereze umbaliza ababyeyi.

UWAMPINKA : Ndakuruhuye ntu zilirwe ubavuna

GAPFUBYI : Kuyihe mpamvu se

UWAMPINKA : Sinakubwiye se ko hali abandi.

GAPFUBYI : Reka ye, ubwo se nibyo ntabundi ?

UWAMPINKA : Nibyo ntabindi

GAPFUBYI : Reka nagirango urambeshya.
Ndetse n'ubu sindabyemera.

UWAMPINKA : Nkubeshya se ngo nshyire umwana
nusha wishilire amazeze ubwo nakubwiye

GAPFUBYI : Ubuse mbigize nte ko ali wowe nali nizeye.

UWAMPINKA : Ubuse nijye jyenyine mugihugu.

GAPFUBYI : Oya aliko bulya umuntu agira uwo
yizeye umuguye ku mutima.

UWAMPINKA : Ubuse mpemukire abandi kandi atali jye
wagukerereje.

GAPFUBYI : Ubwo ni uko ushatse kuntekeraho
umutwe, ubugiye gutaha bwo ntibupfa.

UWAMPINKA : Ko bupfa se bufite impamvu, ubwo navuga iyihe ?

GAPFUBYI : Ntibura ahubwo yenda sinsa n'abandi

UWAMPINKA : Ndetse uwo umurusha ubwiza, usibye ko
alicyo tureba, ahubwo umutima wonyine.

GAPFUBYI : Noneho ga jye ntawo ngira ?

UWAMPINKA : Aliko nakubwiye impamvu

GAPFUBYI : Nsezerera kuli uwo mukecuru ndabona bwije

UWAMPINKA : Ngo muramukeho.

BARANZE KUMAHUNEN

Rádiou →

25/100

5/6/85

BARANZE KU BAHUNGU

par : - HABARUGU Vincent

- NGENDAHIMANA Emmanuel
- KANAMUGIRE Léo
- TUYISENGE Théodore

---

1. Fonds : 10/50

2. Forme : 15/30

3. Style : 10/20

45/100

MÉDIOCRE

UYUMUKINO WAHIMBWE

na:

- HABAMUNGU Vincent
- NGENDAHIMANA Emmanuel
- KANAMUGIRE Léo
- TUYISENGE Théodore
- CERAI RUSUSA
  Komini SATINSHYI
  S/P NGORORERO
  Préfecture GISENYI.

ABAVUGWA MULI UYU MUKINO:

NYANDAGAZI Dominiko

BALIGIRA Tereza

UMUGWANEZA Marie Rose

BAYISENGE Julienne

HABIMANA: Se wa Dominiko

KAYONGA: Se wa Tereza

KAYIHURA: Mubyara wa Dominiko

(Halimo n'abandi aliko tudashyizemo)

# " BARANZE KU BAHUNGU"

Dominiko akomange: Muraho Tere!

Tereza: Muraho neza Domini!

Mushyikire agatebe.

Muli iyi minsi nali kuza kugusura hali nibyo nali kukubaza.

Dominiko: N'ibiki se nshuti?

Tereza: Ndakureba, nkumva ali kubwange twakwibanira.

Tukaganira, kuli uwo munsi ibyishimo bikaba ibyacu

Dominiko: cyane Tere tutagiye kure ngiye kubyiga uramuke.

Tereza: Aliko Umugwane. Urabona uliya musore!

Si mwiza se!

Ubu ngiye kukora uko nshoboye muneze azajyane nta kabuza.

Umugwaneza: Rero tereza nabuze uko twaganira aliko ni mubona nzamuherana ndamubona nk'uko mbona mu mutima wanjye Imana.

Yewe ngiye kulyama tuzamwandikire vuba. Uramuke

Tereza: Urare ahalyana.

Dominiko (akomange)

Tereza: Aho wenda ni Dominiko kuko ajya kungeraho nkanezerwa.

Muraho se Domini

Dominiko: Mukomere Cherie!

Tereza: Ko Mugeze ino aha?

Dominiko: Nali nye kukubwira ko na bonye undi mukobwa twakwibanira

Kandi akora muli Perezidansi

Aliko mbese wowe ukora iki?

Tereza: Ngewe nibera mu mugi aliko haba iyo nisumye

Ngacuruza urwagwa munzu ya musaza wanjye ku Gisenyi.

Dominiko: Yooo!!! Ako niko kazi unkangisha ngo nzakurongore ngewe Dominiko!

Urabeho sinzagaruka hano nisangiye Yuliyana.

Tereza: (Amuhamagare) garuka twiyunge, kuki aliko mutureba nk'abatazwi?

Dominiko: Si mwebwe mwigira abashomeli

Tereza: nubwo tumeze dutyo ntitubuze amakashi.

Data atunze bike?

Dominiko: Have se wikangisha ibyaso

Tereza: Aliko uranze urampemukiye nshuti

Dominiko: Ntaguhemukira se uruta Yuliyana

Tereza: Aliko se kugirango tubane ushaka ko byamera bite?

Dominiko: Nabonye umukobwa ufata umushahara mwinshi kandi utazampa ibihumbi 120.000 sinzamurongora.

Tereza: Yooo! yewe ga Dominiko! nanjye ngo Dominiko! ko wali Dominiko ukili sheli! none ubu usigaye uli umwanzi wanjye Amafranga angana alyo yo kukugura ufite Ubwiza bungana iki?

... //...

Dominiko: Ubwiza! Ubwiza se nibwo bugurwa ko hagurwa umuntu.
Kandi uzitonde witegereze wowe Tereza nta muhungu
uba mubi kandi niyo yaba mubi ntabura umugore.
Niba rero wumva ayo mafranga ali ikirenga uzirorerere simbuze abayampa.

Tereza: Ubu rero Dominiko aho kugirango nere kuzajya mu rugo
ngukabukiye amafranga ibihumbi 85.000 byo kubaka inzu

Dominiko: Aliko wowe Tereza rero kuguhemukira ngo ulilire mu myotsi ngo uwo
wakunze yaraguhemukiye akwereka ko agukunda kandi akwanga,
Ubu ngiye kubyiga nzagaruka nkubwire uramuke.

Tereza: (wenyine) ko mwemereye ibihumbi 85.000 nzabikura he?
Aliko ntacyo, nzayiba data mu iduka lye.

Dominiko: (Yivugisha) koko buliya nemere iliya ndaya ngo nuko
izampa amafranga.
Buliya se nimara kujyana iliya nkorabusa
Izankorera iki?
Azankorera iki?
Reka sinshaka.
Ejo nzigira kwa Sentabyo mbwire
Yuliyana ko nshaka kumusaba vuba nampakanira nzemere
Nzane kaliya keza ngo ni Tereza.
Aliko ngaba ntukishije umulyango.
Indaya! Indaya buraya!
Aha data nanze ibyo kere.

Murekezi (Asuhuze) Muraho kwa Habimana. (Bikirize)
Uraho Domini

Dominiko: Mukomere aha Mureke.
Nali ngukumbuye kuko tudaherukanye.

Murekezi: Mbese muli iyi minsi wabaga he?
Ko nagiye nza kugusura nkakubura?

Dominiko: Nali ndi igisenyi hali umukobwa wali wambwiye ngo
njyewe nzamurongore mubwira ko azampa amafranga
Yemera kumpa ibihumbi 85.000 Aliko ndumva ndagononwa kumuzana.

Murekezi: Kubere iyihe mpamvu se sha?
Alijye namuzana ubutareba inyuma.
Aliko uzi yuko udatekereza!
Ukitesha ayo mafranga yose.

Dominiko: Reka nkworoshye ngo ntuzabona abakugura.
Ngaho wilirwe nigiliye kwa Sentabyo kwisulira Yuliyana.

Murekezi: Ngaho wilirwe nanwe ugire urugendo rwiza uhahe uronke.

Umugwaneza: Muraho nshuti Tereza

Tereza: Mukomere Mugwane, amakuru se di?

Umugwaneza: Nimeza gahoro.

Tereza: Uzi y'uko wa musore Dominiko yampemukiye.

Yageze aho mbwira ngo mugulire cyakora mwemerera amafranga ibihumbi 85.000.

Umugwaneza :Aliko rubanda murarengwa urabona uliya musore natwe abakobwa dusigaye twarataye ibara,
None ngo uramwirengesha!
Jyewe n'ubwo yanyaka ibihumbi ijana nabimuha ntashidikanya.

Tereza :Nanjye yambwiye y'uko azagaruka kumbwira igitekerezo cye.

Umugwaneza :Disi we Tere nalinje kureba uko byakugendekeye
None ngiye imuhira kuko hali umusore wali kuza kunganiliza none ubu ahali naba namukereje ngaho uramukane Imana.

Dominiko :(agere kwa Sentabyo) Muraho kwa Sentabyo?
Sentabyo: Uraho nawe

Dominiko :Uraho musaza

Sentabyo :Ngaho turububa

Dominiko :Muraho mukecu uracyahumeka

Nyiramana : Muraho Yezu akuzwe

Dominiko :Iteka lyose

Nyiramana :Yuliya hano haje abashyitsi ntiwabaramutsa

Bayisenge :(Atinde buhoro) Yewe Dawe ni wowe Dominiko ndimo gukinisha!
Yewe guhubuka ni bibi.

Dominiko :Nakurenganya ko utali uzi ko ali jyewe.

Bayisenge :Mbigenze nte se?
Injira mu nzu, akira wice akanyota.
Yewe mwa: genda unzanire andi mabyeli atanu, fanta eshanu na wisiki 1 shyikira amafranga bakugarulire ubanguke ndaguhemba.

Dominiko :Aliko Yuliya ko numva nshaka ko twa kwibanira vuba,
Umusaza n'Umukecuru baremera?

Bayisenge :Yewe narababajije baranga ngo ndacyali muto
Ngo ko Mariya yashyingiwe afite imyaka mirongo itatu jyewe jyewe nkaba mfite imyaka 20 ngo nakwihanganye nkagira 25

Dominiko :Unshiye umugongo rwose Yuliya?

Bayisenge : Abagabo murakomera ihangane
Uwo batumye inzoga akomange

Bayisenge :Urabangutse muhu
Uwo mwana: Siko wali wambwiye se

Bayisenge :Tereka aho usohoke
Uwo mwana: Ba uretse nkubwire uko naguze!
Byeli zatwaye amafranga magana ane
Fanta eshanu ijana na makumyabili n'atanu
Wisiki 1 yatwaye 1300 byose hamwe: 1425
shyikira asagutse.

Bayisenge :Shyikiramo ijana usohoke; asigaye yashyire aho hejuru y'ivalisi. Usohoke .../...

Dominiko :Yuliya nuko iwanyu ali kure byali kuzatungana
aliko ndagiye urakoze uzanyandikire.
Ubwire aho abasaza babigeze urabeho.

Bayisenge :Reka nkurenze urwirembo.

Dominiko :Aliko rero yuliyana nakunze binshi nawe ulimo
aliko wowe wantwaye umutima
Urabeho ubane n'Imana

Dominiko :(wenyine) aka kabarwa sekandi ni akande!
Reka nsome ndebe ra! (afungure)
Umugwaneza Mariya Rose le 24/2/85
Komini Rubavu
Prefegitura: Gisenyi
Kuwo nkunda, ni wowe Dominiko"
Hobe ngira nkugire
Nshimishijwe n'ukuntu nkwandikiye nkubaza
amakuru yawe ayajye ni meza aliko ntunkundiye kuko
udatuma nsinzira utese kuki?
"Niwowe ndara ntekereza nshaka ko twibanira
none nkaba ngirango nkubaze niba byagushimisha".
Nsubiza vuba rero niba ali mahwi
Ugukunda Umugwaneza Marie Rose

Dominiko :(abonye indi baruwa): Iyi se yo n'iyande Nyagasani
Aliko ra! Aho nashyize amabaruwa ubu ntihamaze kuzura.
(Dominiko asome) Aliko! Abakobwa bankulikiyeho iki?
Ni ubwiza? n'amafranga se!
cyangwa ni akazi?
Yewe no kumva ngo "Ajida shefu" byonyine birahagije
byatuma abakobwa banshikira
Yewe reka nonger nsome numve.
Kuwo nkunda Dominiko ngira nkugire.
Ungira! wowe ulibeshya mfitwe na Yuliyana
Naho wowe urenga data wampaye urugomwa.
Reka nzane lya timba ly'amabaruwa nongere nsome
Numve dore ko ba nyirayo bamwe nabibagiwe.
Iyi niya Anyinsi, iyi ni ya Immacullé, iyi ni ya ka kalimu kazi
gashaje, iyi n'iya Julienne nkunda! oh Julienne!
Ubundi bulibeshya ndetse reka nzane ya Cessette
nshyiremo idisiki ya Julienne (curange)
Reka mbare nabanyemereye amakashi: Tereza: ibihumbi mirongo
inani na bitanu (85.000)
Agnès : 62.000
Kagakecuru : 95.000 , Imaculée/45.000
reka nteranye ndebe 147000, 242000: Yampaye inka !

.../...

Birakabakaba mu bihumbi maganatanù.
Aliko ba Ajida turakaze kandi ayo mafranga nayalya
nkabakata nkirongorera Julienne
Aliko se kandi ko Julienne yambwiye ko ababyeyi bamwangiye
ngo ntarakura nzamera ntegereze imyaka ibili yose
kandi byahinduka ngapfa kugana Tereza cyangwa
nzabanza mbaze mubyara wanjye kayihura ampitiremo
icyo nakora.

Dominiko :ajye kwa Tereza kuzana amafranga

Tereza :Ayiwe umutima urakutse. Uwo ubanza ali Dominiko!
Dominiko (asuhuze)
kwa kayonga (bikilize ahasigaye Tereza yakire Dominiko

Dominiko :Cyakora Tereza, kuko nagukunze kera, nalinje gushyikira
ya mafranga ngo njye kwitunganya, ahasigaye tuzibanire.

Tereza :Yooo!! ndishimye cyane rwose ndetse reka nzenjye kuyareba
:Papa mpaya mafranga yanjye ibihumbi 50.000 hali icyo
nshaka kuyakoresha.

Kayonga :Ugize ngo iki? Amafranga angana atyo unyakiye limwe
urayshakira iki?

Tereza :Ndashaka gukodèsha iliya bar ya Asman ngo nge nyikoreramo.

Kayonga :Nkaba nayaguha ndagatera mpabuka icumu!!
Abakobwa ubu ndabazi ubwo wenda nayo kugura abagabo
naho ureke kumbeshya ngo nayo gukodesha za bar
Cg Umukobwa wagiye muli bar aba atataye agaciro

Tereza :Ko ali ayajye se urayanyimira iki?
Hali ayo wakoreye nshatse no kumugura namugura

Kayonga :Njyewe! Njye! Kayonga? Urampnda sinoga
Mva imbere wa gakob-wa we kwanjurwa hilyiyo

Tereza :Niko mama enda hano, urabona ngo papa aranyima amafranga ntayo
yakoreye.

Nyina :Urayashakira iki se Tere?

Tereza :Nshaka kwikodeshereza iliya bar ya Asman ngo nyikoreremo

Nyina :Wabishobora se mwana wanjye !
Umukobwa yakora muli bar akabivamo!!!
N'abasenzi bamara guhaga bagatera rwaserera,
se ubundi yayaguhaye ubundi ngo: "Ngo nzi uko nzabigenza
yakosheje amakwe abili"
Aho wenda ubwo ayakwima arashaka kuyanywera dore ko
abagabo bubu bigize ba kanyota.

Kayonga :Zibya ako karozi wa mugore we nkeneye amafranga ya Tereza
nabuze ayanjye.

Dominiko :Yivugisha) yampaye inka byakomeye nk'ibyo gutara!
reka ngire mve aha batandwanira hejuru.

Kayonga :Niba Umukobwa wawe aguhamagaliye ngo muze ku mfatanya usubire aho wali uli kandi niba wanze mumvire aha mwembi nawe uranze ushyigikiye umukobwa wawe ngo nimuhe amafranga yo kugura abagabo.

Nyina :Mbese bulya bwose nayo kugura umugabo,
sinali nzi ko byageze iyo hose.
Mbese mwana wanjye ubishakiye iki ko utali igishubaziko?

Tereza :Aliko muli abapfumu ibyo byose murabibwirwa n'iki?

Nyina :None se ko amategeko y'abana bubu asigaye anusha amabuye kuremera tubigenze dute?
Pfa kuyatera inyoni

Kayonga :Aliko n'ubwo nyamuha bwose naramuka ayapfushije ubusa,akayanyanyagiza mu basore bubu bawutetse sinzi ko n'Imana y'i Rwanda izadukiranura.
Ngaho cyono shyikira mukobwa mwiza
nze kubona aho ndara utanyimurwa.

Tereza :(Yiheeye) yewe we!! Mbega ibyishimo ubu ngiye kwinyara mu isunzu nyamushyire nk'uko nanjye yajyaga angenderera.
(Agere kwa Habimana) Muraho muze,

Habimana Mwabonye Imana ikingura.
Akira agatebe ushyikeho mwana wa.

Tereza :Muze, ndihuta aliko reka mpfe kwicara akanya.
Niko se musaza wa musore wawe alihe?

Habimana :Ni uwiki?

Tereza :Ni ubutumwa mufitiye.

Habimana :Sinzi aho agannye nyamara mu kanya yali ali hano.

Tereza :Ese ko numva ntagenda ntamubonye.

Habimana :Enda Rubyo, jya kureba mukuru wawe
ubanza ali haliya ku kabare

Rubyogo :Wiliwe Kinyogo
Wiliwe sha Rubyo

Rubyogo :Nta Dominiko wageze aha

Dominiko :(Yumve) uwo muntu uranshakisha urukindu ninde?
Aho wenda ni urukobwa dore ko nabatwaye roho.
(Abali mu kabare baraseka cyane)

Kinyogote :Ni murumuna wawe da!

Dominiko :Eh! Noneho reka nsohoke numve icyo ambwira
Ni iki sha rubyo?

Rubyogo :Papa arantumye ngo ngwino mu rugo hali ugushaka

Dominiko :Ni nde?

Rubyogo :Ni umukobwa aliko si muzi

Dominiko :Asa ate?

Rubyogo :Ni umwakobwa w'igituku cyane.

.../...

Dominiko : Aho si icyatsi kibisi sha?

Dominiko : Reka njye kureba uwo muntu usa n'umutuku ra!
(Dominiko agere imuhira)

Dominiko : uyu ni Tereza ra!

Tereza : Muraho Dominiko we!

Dominiko : Oh! nimukomere uwo nkunda. Amakuru se?

Tereza : Ni meza cyane. Mwebwe se?

Dominiko : Natwe ni meza.
Tambuka uve kuli icyo kizuba ndabona gikabije.
(afungure urugi rw'icyumba cye)
Enda rubyo (ntiyumva arakora utundi tulimo)

Habimana : Mbe rubyo?

Rubyogo : (yitabe ashigutse)yeee!

Habimana : Mukuru wawe aragushaka ngo agutume.

Rubyogo : Sinali numvise.(Rubyogo asange mukuru we)
Urunshakira iki Domini?

Dominiko : Enda genda ujye kuli bar"Amahoro" unzanire icupa lya maritini
na byeli 4 unyure no kwa Kinyogote uzanire Muzehe uducupa 2 tw'urwagwa
nawe adusome. (Rubyogo agende)

Dominiko a : Aliko Tere ko ntaguherutse?

Tereza : Nanjye n'uko Peee!

Dominiko : Cyokora ni byiza kuko iyo uza muby'ejo bundi
wali kuzasanga naragiye ku kazi, kuko konji yanjye irangiye.

Tereza : Ntaguciye mulyo uvuga rero, nali nkuzaniye ya mafranga ngo
nawe witegure kugirango dushobore kurangiza umugambi wacu wo kubana.

Rubyogo :(akomange)

Dominiko : Urabangutse sha, tereka aho kumeza maze ushyire muzehe ako kagwa ke,
maze amafranga yasigaye uyakoze icyo ushaka.

Rubyogo :(asohoke)

Dominiko : Nibyo Tereza ubu nanjye ngiye kwiyaranja (Bafungure banywe)
Kano kabyeli karakonje ye!

Tereza : Mbe burya bwose ukunda byeli ikonje?

Dominiko : wowe?

Tereza : Yego sinavuga ngo sinyinywa, aliko ntimerera nk'idakonje.

Dominiko : Ubu ngiye kwitegura bihagije ahasigaye nzaguha porogaramu.

Tereza : Imeze ite ra?

Dominiko : Humura, baca umugani ngo. "Agatinze kazaza n'amenyo ya ruguru"
Tereza!(Atahe)

Dominiko : Yewe. (yivugisha) ejo nzajya kugisha Kayihura inama ampitiremo
nzajye ku kazi njyanye porogaramu yuzuye.
Bili n'amahire kuko nawe ali muli konji.
(mu gitondo Dominiko yatse Suzuki)

Habimana : Mbe mwana wanjye ko ukanze icyuma kare ugannye he?

Dominiko : Ngiye i Kivumu kwa Masenge kubonana na Mubyara wanjye kuko ali muli konji.

Habimana : Ubatashye, uti "we, ntabwo imanika zigiye kumwica.

Dominiko : Yeee, nibyo mwilirweho. (Suzuki igende)

Kayihura : Iyo moto n'iyande ra!! Ashobora kandi kuba ali Dominiko uje kunsura.

(Suzuki ibe igeze aho)

Erega najye ndi umupfumu ye numvise ipikipiki mpita mvuga ko ali iyawe.

Dominiko : Ah' mukomere mukomere Kayihu.

Kayihura : Muraho n'amahoro Dominiko.

Dominiko : Ngaho niko twumva.

Kayihura : Cyakora wali usanze ngiye rwose!!

Dominiko : Kanji yawe se yali irangiye

Kayihura : Nali kumunota wa nyuma nali ngiye i Butare gusura inshuti.

(Dominiko bamuhe intebe yicare)

Dominiko : Erega koko babivuze ukuli ngo "abaturanyi babyarana abana basa"

Nanjye ikintu cyali kinzanye n'inamm nali nje kukugisha.

Ubu rwose mfite abakobwa niko barampa amafranga ngo mbasabe aliko byambereye urujijo

(Suzuki ya Dominiko ihinde yakijwe n'abana bali ku irembo)

Mwuso : Yewe shahu we nkoze kuli kano kuma none iratse ndabigira nte?

Kabombo : Aliko sha Mwuso wanyana we, ko bavuze ngo Suzuki iyo itombotse ibyinira ku muntu ubu iyo ikica.

Mwuso : Aliko mwa bwana mwe nimwigireyo kuko muli ba bebe, naho njye se ko nzi no gufata feri, urumva ntali hatali!!!

(Ba Dominiko bumvuse Suzuki ihinda)

Kayihura : Asohoke)

Kabombo : wapfa sha wa musilikali arakureza

Mwuso : (yiruko ajye kwihisha)

Kayihura : Ninde ukubaganye kuli iyi pikipiki sha

Kabombo : Ni Mwuso

Kayihura : Alihe

Kabombo : Yumvise usohotse ariruko yihisha muli W.C

Kayihura : Naza mu mubwire ngo: urongera kukubagana urahanwa (asubireyo)

Dominiko : Niko abana bamera ngwino twikomereze.

Kayihura : Nyine tugarutse kuli icyo kibazo umva Dominiko uli mubyara wanjye si hilya no hino.

None rero gendera buhoro abakobwa ugomba kureba umukobwa ufite umutima kandi uzakugilira akamaro naho kulilimira amafranga si byiza.

Dominiko : Aliko se sha Kayihura niteshe ayo mafranga

Kayihura : Se ubundi ni bangahe?

Dominiko : Mbe wababara! Hali uwanyemereye ibihumbi 85

.../...

Hali undi wemeye kumpa ibihumbi 100
hali n'undi w'igitesi wanyemereye ibihumbi 62
hali na wa wundi Jeanne wanyemereye ibihumbi 45
we ngirango uramuzi. Aliko rero aba bose hali undi ubaruta
Julienne we akora muli Perezidansi kandi koko ni nawe ufite umutima
mwiza.

Kayihura : (yiyumvire) umva rero Dominiko nzabyiga neza noneho nzaza kuya
gatanu nje kukubwira icyo nujuje.

Dominiko : Nibyo, nanjye ubu reka ntahe kuko ubundi kwitegura gusubira ku kazi
musuhuze masenge birambabaje aliko kuko ngiye tutabonanye.
ngaho murabeho basha (abana bikilize)
Dominiko asezere no kuli Kayihura, ubwo ipikipiki ifate umuliro igende)
(Bucyeye Dominiko kuko yali arangije konji ajye ku kazi)
(Umugwaneza ajye i Kigali kwa Dominiko kumusura amusangane n'abandi
basilimu)

Umugwaneza : (akomange)

Dominiko : Uwo ninde ushaka kumenera urugi (Dominiko afungure urugi)

Umugwaneza : Muraho Domini

Dominiko : Muraho nawe mbese wambwiwe n'iki?
(ubwo Dominiko atangiye kumwirengagiza)
N'ibiki se ko ugeze ino aha, ni iki ushaka ni akazi?
ntagihe mfite niba ali akazi ushaka uzaze ejo
nako gira umvire aha nta nakazi gahali

Umugwaneza : Domini ayo magambo ni wowe uyavuga!

Dominiko : (amwihorere akinge urugi yisubilire mu nzu)

Umugwaneza : :Erega Dominiko angize nka ya ndilimbo bavuga ngo niba ali akazi
ushaka ntako nifitiye ngo ngaho gira vuba umvire munzu utarabona
ishyano.

Kayihura : ajye kwa Dominiko amusanze ku kazi kumubwira icyo yujuje ku magambo
n'inama yali yaramugiliye.

Dominiko : (abonye Kayihura) Yeyeye! burya koko ntiwica porogaramu oh muraho neza
Kayihu

Kayihura : Namwe mube muli amahoro

Dominiko : Ni mahire rwose

Kayihura : (yicare munzu aganire na Dominiko)
Burya rero Dominiko narabyize nsanga ya mafranga umuntu atayitesha
uzemere uyakire maze uyahute! bazakurega he?

Dominiko : Ungana data wambyaye! iyo n'inama ya kigabo
"Ubundi baca umugani mu kinyarwanda ngo" utagira umuvandimwe
aryana ingonera!!
Erega ubundi Kayihura ntabwo nali kuzitesha Julienne.

Kayihura : Aliko uwo Julienne asa ate?

Dominiko : Ni akeza mu Rwanda. .../...

Nawe uzaba umubona

Kayihura Bitumye nzaza tukajyana i wabo nkajya kumureba.

Tuzajyane lyali?

Dominiko : Reka ndebe ku wa kane le 12 tuzajyende

Kayihura : Umugambi n'uwo.

(Kayihura yaraye i Kigali kwa Dominiko, bukeye arataha).

Dominiko : (yivugisha) ubu ngiye kubandikira bose ejo bazarare bayangejejeho.

(Dominiko bose abandikire maze ba mwoherereze amafranga)

Dominiko : reka mpekenye amafranga nyicayemo pe!

Ahubwo reka nandikire iwacu ko le 24 tuzatura

n'ukubuga ko jye na Kayihura nitumara kuva gusura Julienne hazashira icyumweru tugatura inzoga za mbere.

Yewe sha uhanagure ya Kositimu y'urukara kuko ejobundi nshaka kuzayambara.

Yohani : Domini numvise ko ejo uzajya i Muhira none nali nkuzaniye ururwandiko ngo uzarumpere abo mu rugo!

(Bukeye Dominiko yake konji atahe)

Rubyogo : Iliya modoka kandi ndabona ali iy'abasilikali wabona izanye Dominiko

Habimana : Ilihe ga sha!

Rubyogo : Igeze haliya hakurya muli liliya koni kwa Maliro

(Dominiko agere i muhira azanywe n'imodoka abo mu rugo bishime cyane)

Dominiko : Cyakorav rero babyeyi, nasanze maze gukura none nkaba nshaka kubaka urwanjye, kandi nabonye uwo turwubakana none le 15 tuzaturayo inzoga za mbere ni mu Ruhengeli.

Habimana : Nibyo mwana wanjye ahasigaye n'ukwitegura.

(murako kanya Kayihura ahagere)

Kayihura : Muraho ye

(Bamwikilize)

Dominiko : Tugende dore twali tugiye gukererwa

(Yatse Suzuki bagende)

Ngiye kugendera muli leri 100 kugirango tugereyo kare

aho wali uzi ko iyo ngiye kugerayo numva ibinezaneza binyishe?

Julienne : (Yumve Suzuki irahageze) aliko ko nezewe ubanza iyo Suzuki ali iya Dominiko (Ababonye) Yeee!!

Ubanza atali mwebwe!!!

Dominiko na Kayihura : Ni tweb we rwose (Baramukanye na Julienne baramutse n'ababyeyi)

Julienne : Ni muze mube muruhukiye hano

Yewe mwa Enda hano mbone icyo ngutuma

akira aya mafranga ujye kwa Bihoreye uzane amacupa 5 ya byeli aguhe na fata 6 kandi ubanguke tuzimanire abashyitsi

(ahamagare Kayitesi) Kayitesi, Mbe Kayite

Kayitesi : Karame Julie

Julienne : Ngwino hano hali icyo ngutuma.
Genda ubwire Mbungo akubagire ya sake nano wowe uhate ibirayi
uteke n'umuceli ugire vuba kandi nk'uko usangwe ubigira

Yuliyana : Asubire aho abashyitsi bali, Aliko mwayiraye ku rubaba.

Kayihura : Nibyo koko ubabaye niwe ubanda urugi kandi akababaje umutima kasindura amaguru.
(Umwana yatumye aze)
(Yahagira cyane)

Julienne : urashwe yo sha ko wahagira cyane iyo witonda.
Usaguye angahe se?

Uwo Mwana : Nsaguye amafaranga 200

Julienne : yijyanire nicyo gihembo hanyuma ugende ufashe Kayitesi imilimo.
(Bafunfure banywe)

Julienne : Aliko se Domini, ko uyu mu milita ntamumenye

Dominiko : Uyu ni mubyara wanjye ubu ni Controleur muli Finanse

Julienne : Nakwitegereje ndakuyoberwa

Kayihura : Nyamara jye nali nkuzi

Julienne : Nti bishoboka kereka ali Dominiko wakumbwiye

Dominiko : Oya rwose

Julienne : Ubu aliko muli muli konji

Kayihura : Yego, twafashe konji y'amezi abili

Julienne :(asohoke) Mbe Kayitesi we, ntibiratungana

Kayitesi : Biregereje

Julienne : Gira bwangu rero. Bwira na Toto aze mubwire

Dominiko : Uzi ko usa na Toto mu bavandimwe bawe

Kayihura : Yamwigaraguyeho pe!!

Julienne : Reka da! Toto se ko ubu ureba ali inzobe, naho jyewe
ukaba ureba nsa n'inyamunyu yapfubye
To, akira fanta sinaza kugukira nimugoroba ngo nakwimye.

Dominiko : Enda nanjye nguhe aya mafaranga 100 uzigulire

Julienne : Enda shyira Muzehe na Mukecuru akabyeli
ahamagare Kayitesi

Kayitesi : (Amwitabe)

Julienne : Ngwino nkubaze, Ntibiratungana.

Kayitesi : Byatunganye

Julienne : Genda witegure rero uzane tujye ku meza
(bajye kumeza babanze besenge)
Turyoherwe (Barangize kurya)

Julienne : Kayitsi hano hali ibigukeneye

Kayitesi :(asukure ku meza)

Dominiko : Yewe umunsi urangiye none dutahe

Julienne : Nibyo koko
(ubwo basohoke babe bagiye ku irembo, Kayihura abe yigiye hirya gato)

.../...

Dominiko : Cyakora Julienne, uzi ko twakundanye
kuva kera, none umugambi wacu ni uwo kubana nizeye rero
ko nta gitotsi cyabizamo

Julienne : Sinshobora kuba akaya ndilimbo ngo "gukunda utagukunda ni
nk'imvura igwa mu ishyamba" kandi nabibajije ababyeyi
ntibagira akangononwa

Dominiko : Aliko ubundi ababyeyi bavuga ngo ntukuze kandi kwubaka urugo
atali ubukuru
ahubwo ni umutima wa kimeza.
ku italiki 24 rero nibwo tuzazana inzoga za mbere.

Kayihura : Dutahe bulije

Dominiko : Aliko itonde hali ibirenge tugendesha?
Suzuki yanjye irafunze neza ntacyo irwaye.
(Mukanya Dominiko na Kayihura basezere ku babyeyi ba Julienne
batahe)
(Munzira bagende)

Kayihura : Burya Domini wambwiraga iby'ukuli uliya mu militante rwose
afite umutima, aliko wabonye ukuntu yubaha!!
Genda ubwire muzehe amugusabire mwibanire pe!!!
(Mu kanya ba Dominiko babe bageze imuhira)

Rubyogo : Iyo Suzuki kandi wabona ali ba Dominiko baje.

Nyina wa Dominiko: Rubyo, bwire bashiki bawe bateke vuba rero, dore abandi biliwe
bagenda bashonje.

Habiamana : Iyo bagiye se ntibateka. Cyokora teka vuba nanjye ndisonzeye
kuva mugitondo kugeza iki gihe ntararya.
Mbe Dominiko mwana wanjye kondeba icyuya
cyakwije ipikipiki ikaba yatunguye
muvuye kure kungana iki?

Dominiko : Tuvuye mu Ruhengeli

Habimana : N'amahoro se?

Dominiko : Yego rwose buretse ahubwo mu kanya ngusobanulire

Habimana : Ngaho gira vuba umbwire

Dominiko : Aliko ko numva ubugutana urarwana n'iki

Habimana : Aliko ngo ndabugutana ntuzi ko "Amatsiko yuguruje mukeba"

Dominiko : Cyakora ba byeyi uyu munsi nagiye kurambagiza
umukobwa Yuliyana nkabamenyesha ko tugiye kwibanira

Habimana : Ni uko mwana wanjye ni uko byahoze
aliko se mwana wanjye urumva uzamurongora lyali?

Dominiko : Ndumva nshaka ko bizaba le 22.4. hazaba ali kuwa gatandatu.

Habimana : Mwana wanjye!! Icyo umugabo yiyemeje hahinga babili

Dominiko : Ibyo byigutera impagarara mbyibereyemo
ahubwo kuli 24 tuzatura inzoga za mbere.

Habimana : N'uko mwana wanjye genda unzanire umukazana

.../...

wenda yazandenzaho n'agataka umunsi napfuye.
Ntabwo yaba nka Kabutumwa kajya kulya ka kifungirana
utagira umushyikirano n'abandi dore n'ejo bundi
bambwiye ko yamaze ibintu.
(Bature inzoga, Umunsi wo gusezerana ugere)
(Mugitondo ku munsi wa gusezerana)
Anatali iliya vatili y'umugeni tuyitakeho indabo zitukura
Inyuma, imbere icyatsi kibisi kivuga ko bakundanye kuva cyera.
(Abageni bulire imodoka bagende)

Mugwaneza : Uzi y'uko Dominiko yasezeranye Tere?
Tereza : Reka se kandi wiza kunsha umugongo
Mugwaneza : Ndagushinyagulira se njyewe ndiyanze
Tereza : Ubu se mbigize nte?
Niyahure se, cyangwa?
Wenda kandi ni wowe wanteranyije na Dominiko ko wumvise
twarakundanye nawe ukiha ku mwandikira
Umugwaneza : Genda wa gashyano we
Tereza : Ugize ngwiki wa Kabwera we
(Ubwo barwane basakuze, igipfunsi n'umugeli ntibihatangwe)
Rumbasha : (ave kwa Dominiko yanyoye yasinze ahure na
Samwangali : Mbe Rumbasha ko ugenda wivugisha nk'uwafashe Imana akaguru, uvuyehe?
Rumbasha : Sha mvuye haliya hirya kwa Habimana
aliko twadabagiye ndakabura ikibondo
twanyoye byeli, tunywa inkangaza tunywa na za maritini!
Yewe sinakubalira ngo mbivemo
Samwangali : Yeee! koko Rumbasha wabivuze impamo
wadabagiye umuntu uzambwira ngo wanyoye Maritini
basigaye banywa n'abantu se?
Umugwaneza na Tereza : (bagiye kwiyunga)
Umugwaneza : mwaramutseho, mwaramutseho ye!!
(abana bikilize)
Mbese Tereza ko adakoma yagiye he?
Abana : Agannye hirya hano kuli butiki ngo kugura korogate
Umugwaneza : Yewe Toto nyaruka umubwire abanguke ndamwifuza.
Tereza : (aze asuhuze umugwaneza)
Umugwaneza : Yewe Tere nali nje kukwigororaho bulya
naraguhemukiye rwose twapfaga iki
rwose ko twahombye twese, ali jye namuhaye
amafaranga ali wowe warayamuhaye
ukuntu namijije data ku nkeke ngo nampe amafranga ngo gutera inyoni
kandi ngo ubundi ilya mukuru liratinda ntilihera" mama yarabimbwiye, ibihumbi 85 koko
bihere"?

.../...

Umugwaneza : Sha disi we ceceka, nge se ko nahise mwandikira ikitaraganya
nkamuha amafaranga yanjye aliyo nacungiragaho,
ubu si nsigaye ndilira mu myotsi?
Bulya akundi kaza imvura ihise, ntawilingira abantu bubu, kandi
urebe n'igisetsa
ako gashyano ntacyo kamuhaye.

Tereza : Kamuhaye ! cyoroshya, ilyo shyano lijenjere mu mafaranga yacu koko

Tereza : (akomeze) Ngaho rero mbwira ukuntu ababyeyi uko bazifata nibumva
iyo nkuru, yewe ndatoroka nge kugwa kugasi
(Alire avuga) Nay'ubusa aliko azayazira ye.

Umugwaneza : Wamubonye he se ko ubu yitahiye i Kigali

Tereza : Ngo ngwiki di? Oya wenda tuzahwane.

Umugwaneza : Yewe Tere dukulikije iby'akababaro kacu
ntitwabivamo ngaho ube wiliwe nge guhondobera mu rugo

Tereza : Umugwane ba uretse tujye inama y'ukuntu twagira kiliya kibura magara.

Umugwaneza : Ubwo se urabona twamukoraho iki koko!!

Tereza : Uwagikindura cyangwa akakirega murukiko

Umugwaneza : Wamukinduza iki se? Ese kandi na none twamurega mu rukiko
hali aho numvise, umukobwa n'umuhungu baburana ibyo urukundo rwabo?

Tereza : Aliko ntube umupfu ko dufite impapuro se akanasinyaho urumva bidafite
ingingo igaragara.

Umugwaneza : Yewe umugambi n'uwo.
(Bajye kurega)

Tereza : Mwaramutseho bwana juje

Juje : Mwaramutse namwe. N'ibiki bibagenza

Tereza : Twali tuje kurega umuntu watwambuye amafaranga yacu

Juje : Yayabambuye ate? Yabakoze mu mufuka mwembi arabashobora!

U Uwo muntu n'inde?

Tereza : Ni umusore Dominiko twali twakundanye kuburyo twali twaremeye ko
twakwibanira atwaka n'amafaranga turayamuha yirongorera undi.

Juje : Mufite ibyemezo.

Umugwaneza : Abagabo bacu n'impapuro yatwandikiraga kandi haliho na sinya ye.

Juje : Reka noneho tubandikire urubanza rwanyu. Uwo muntu yitwa nde?

Tereza : Ni Dominiko Nyandagazi (Gerefiye yandike urubanza imashini ivuga)

Juje : Atuye

Umugwaneza : Mu Kabaye (Komini Gaseke)

Juje : Ise

Umugwaneza : Habimana

Araregwa nande: Umugwaneza na Tereza

Juje : Batuye he?

Umugwaneza : I Ramba

Juje : Base

Umugwaneza : Kayonga na Ntakirande

.../...

| | |
|---|---|
| Juje | : Ubu ngiye kwandikira umuburanyi wanyu impapuro zimuhamagara muzagaruke kuwa mbere saa moya nà baso maze mucirwe urubanza rwanyu muzane n'impapuro yabandikiye kandi muzahita musomerwa. |
| | (Batahe) (Igihe cyo guca urubanza n'ikigera) |
| Dominiko | : Uraho bwana Juje |
| Juje | : Uraho nawe uje mu rubanza n'ababuranyi bawe nibyo aliko ndabona bankereje. |
| Tereza | : Uliya ndabona si Dominiko wahadutanze njyewe rero Tereza si nalinzi ko azemera kwitaba. |
| Umugwaneza | : Agasuzugura ubutegetsi se? |
| Tereza | : Yabunzwa se ke ko ali umutegetsi. |
| Umugwaneza | : Ibyo ntabwo bikora |
| Tereza | : Ceceka dore turabegereye |
| | (Urubanza rwaraciwe rurarangira ba Tereza baratsindwa) |
| Juje | : Yewewe!! ko abakobwa "baranze ku bahungu" |

Le 28 Mata 1985